REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO

ITANGAZO RIGENEWE ABAZITABIRA ITORERO INDANGAMIRWA, ICYICIRO CYA 10 /2017, KIZATANGIRA TARIKI 02 NYAKANGA KIGASOZA TARIKI 01 KANAMA 2017

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifatanije n'izindi nzego yateguye Itorero INDANGAMIRWA icyiciro cya cumi, rizabera mu Rwanda kuva tariki 02 Nyakanga kugeza tariki 01 Kanama 2017.

Iri Torero rizitabirwa n'abantu baturuka mu byiciro bikurikira:

1. Urubyiruko rwatojwe mu Itorero Indangamirwa kuva ryatangira mu mwaka wa 2008 kugeza mu mwaka wa 2016.
2. Urubyiruko rw'Abanyeshuri biga mu mahanga bataratozwa kandi babyifuza.
3. Urubyiruko rw'Abanyeshuri biga mu Rwanda. Bazatoranwa hashingiwe ku manota babonye mu bizamini bya Leta bisoza amashuri yisumbuye, ay'Imyuga n'ay'Ubumenyi ngiro, mu mwaka w'amashuri wa 2016.

Ibisabwa Abazitabira Itorero

1. Kuba ufite imyaka kuva kuri 18 kugeza ku myaka 30 y'amavuko.
2. Kuba ufite ubuzima buzira umuze.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifatanije n'izindi nzego irakangurira abavuzwe bose kwitabira kwiyandikisha muri iri Torero hakiri kare.

Uburyo bwo Kwiyandikisha

Uwifuza kwitabira iri Torero arasabwa kwiyandikisha ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, www.nic.gov.rw , kwiyandikisha bizatangira tariki ya 13 Mata 2017 bikazarangira tariki ya 31 Gicurasi 2017.

Uburyo bwo gusubiza abasabye kwitabira Itorero

Uwasabye kwitabira Itorero azahabwa igisubizo kuri e mail azaba yatanze mu mwirondoro we, mu gihe cyo kwiyandikisha.

NATIONAL ITORERO COMMISSION

Ku bindi bisobanuro mwabaza:

1. Madamu BAMPIRE Thacienne , Telefoni + 250 788 864 616 ;
   E-mail: tbampire@nic.gov.rw
2. Bwana TUTUBA Jack, Telelefoni + 250 788 465 298;
   E- mail: jtutuba@minaffet.gov.rw

Bikorewe i Kigali, Tariki 12 Mata 2017.

NATIONAL ITORERO COMMISSION

RUCAGU Boniface
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero